Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

A. *Amategeko / Laws / Lois*

N° 01/2015 ryo ku wa 25/02/2015
Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari icyiritse……..2
N° 01/2015 of 25/02/2015
Law modifying and complementing Law n°40/2008 of 26/08/2008 establishing the organisation of micro finance activities…….2
N° 01/2015 du 25/02/2015
Loi modifiant et complétant la loi n°40/2008 du 26/08/2008 portant organisation de l'activité de micro finance……2

Nº 02/2015 ryo ku wa 25/02/2015
Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro……...7
Nº02/2015 of 25/02/2015
Law modifying and complementing Law n° 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax ……7
Nº 02/2015 du 25/02/2015
Loi modifiant et complétant la loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée ……...7

B. *Ishyaka rya Politiki/ Politic Party / Parti Politique*

Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage (P.S.D.)……25
Social Democratic Party (P.S.D.)…….25
Parti Social Démocrate (P.S.D.)…… ……..25

ITEGEKO N° 01/2015 RYO KU WA 25/02/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°40/2008 RYO KU WA 26/08/2008 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'IMIRIMO Y'IMARI ICIRIRITSE

LAW N° 01/2015 OF 25/02/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N°40/2008 OF 26/08/2008 ESTABLISHING THE ORGANISATION OF MICRO FINANCE ACTIVITIES

LOI N° 01/2015 DU 25/02/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N°40/2008 DU 26/08/2008 PORTANT ORGANISATION DE L'ACTIVITE DE MICRO FINANCE

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Ikigega cy'ubwishingizi bw'ababikije

Ingingo ya 2 : Ikigega cy'ubwishingizi

Ingingo ya 3: Kuba umunyamuryango w'Ikigega

Ingingo ya 4 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 6: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Depositors' guarantee Fund

Article 2: Guarantee Fund

Article 3: Membership to the Fund

Article 4: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 5: Repealing provision

Article 6: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Fonds de garantie des déposants

Article 2 : Fonds de Garantie

Article 3: Adhésion au Fonds

Article 4 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Article 5: Disposition abrogatoire

Article 6: Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 01/2015 RYO KU WA 25/02/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°40/2008 RYO KU WA 26/08/2008 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'IMIRIMO Y'IMARI ICIRIRITSE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa19 Mutarama 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Isubiye ku itegeko n° 40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari icyiritse cyane cyane mu ngingo yaryo ya 38 n'iya 39 ;

LAW N° 01/2015 OF 25/02/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N°40/2008 OF 26/08/2008 ESTABLISHING THE ORGANISATION OF MICRO FINANCE ACTIVITIES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 19 January 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Having reviewed Law n° 40 /2008 of 26 /08/2006 establishing the organization of micro finance activities, especially in Articles 38 and 39;

LOI N° 01/2015 DU 25/02/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N°40/2008 DU 26/08/2008 PORTANT ORGANISATION DE L'ACTIVITE DE MICRO FINANCE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 janvier 2015 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 et 201;

Revu la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation de l'activité de micro finance, spécialement en ses articles 38 et 39;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere: Ikigega cy'ubwishingizi bw'ababikije

Umutwe wa III w'itegeko n° 40/2008 ryo kuwa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari icirirtse uhinduwe kandi wujujwe ku buryo bukurikira :

UMUTWE WA III : IKIGEGA CY'UBWISHINGIZI BW'ABABIKIJE

Ingingo ya 2: Ikigega cy'ubwishingizi

Ingingo ya 38 y'Itegeko N°40/2008 ryo kuwa 26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari icirirtse ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

« Hashyizweho Ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe. Ikigega kigamije kugoboka rubanda igihe Ikigo cy'imari icirirtse cyabikijwemo amafaranga gisheshwe.

Itegeko ryihariye rigena imikorere n'imiterere y'Ikigega".

Ingingo ya 3: Kuba umunyamuryango w'Ikigega

Ingingo ya 39 y'Itegeko n° 40/2008 ryo ku wa

ADOPTS:

Article One: Depositors' guarantee fund

Chapter III of Law n° 40 /2008 of 26 /08/2006 establishing the organization of micro finance activities is modified and complemented as follows:

CHAPTER III: DEPOSITORS' GUARANTEE FUND

Article 2: Guarantee Fund

Article 38 of Law n°40/2008 of 26/08/20008 establishing the organisation of micro finance activities is modified and complemented as follows:

"There is hereby established a Deposit Guarantee Fund designed to indemnify depositors in the event of liquidation of a microfinance institution.

A particular law shall determine the organization and functioning of the Fund".

Article 3: Membership to the Fund

Article 39 of Law n° 40/2008 of 26/08/20008

ADOPTE:

Article premier: Fonds de garantie des déposants

Le chapitre III de la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation de l'activité de micro finance est modifié et complété comme suit :

CHAPITRE III : FONDS DE GARANTIE DES DEPOSANTS

Article 2 : Fonds de Garantie

L'article 38 de la Loi n°40/2008 du 26/08/2008 portant organisation de l'activité de micro finance, est modifié et complété comme suit :

« Il est créé un Fonds de Garantie des dépôts ayant pour objet d'indemniser les déposants en cas de liquidation d'une institution de micro finance.

Une loi particulière détermine l'organisation et le fonctionnement du Fonds ».

Article 3:Adhésion au Fonds

L'article 39 de la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008

26/08/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'imari icirirtse ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:	establishing the organisation of micro finance activities is modified and complemented as follows:	portant organisation de l'activité de micro finance, est modifié et complété comme suit :
« Kwinjira mu Kigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe ni itegeko ku bigo by'imari icirirtse byose byemewe.»	« Membership to the Deposit Guarantee Fund shall be mandatory for all licensed micro finance institutions ».	« L'adhésion au Fonds de Garantie des dépôts est obligatoire pour toutes les institutions de micro finance agréées.»
Ingingo ya 4: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 4: Drafting, consideration and adoption of this law**	**Article 4: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.	La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.
Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 5: Repealing provision**	**Article 5: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.	Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 6: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 6: Commencement**	**Article 6: Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Kigali, kuwa 25/02/2015	This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. Kigali, on 25/02/2015	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Kigali, le 25/02/2015

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO Nº 02/2015 RYO KU WA 25/02/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 37/2012 RYO KU WA 09/11/2012 RISHYIRAHO UMUSORO KU NYONGERAGACIRO

LAW Nº 02/2015 OF 25/02/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 37/2012 OF 09/11/2012 ESTABLISHING THE VALUE ADDED TAX

LOI Nº 02/2015 DU 25/02/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 37/2012 DU 09/11/2012 PORTANT INSTAURATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Ibintu na serivisi byakwa umusoro ku ijanisha rya zeru

Ingingo ya 2: Ibintu na serivisi bisonewe

Ingingo ya 3: Ibintu na serivisi

Ingingo ya 4: Isubizwa ry'umusoro ku nyongeragaciro

Ingingo ya 5: Ikoreshwa ry'imashini z'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi z'ibyacurujwe

Ingingo ya 6: Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Ingingo ya 7: Kutubahiriza inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Ingingo ya 8: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

TABLE OF CONTENTS

Article One: Zero-rated goods and services

Article2: Exempted goods and services

Article 3: Goods and services

Article 4: Value added tax refund

Article 5: Use of electronic billing machines

Article 6: Failure to use electronic billing machine

Article 7: Non-compliance with obligations of the user of electronic billing machine

Article 8: Drafting, consideration and adoption of this law

TABLE DES MATIERES

Article premier: Biens et services imposés au taux zéro

Article 2: **Biens et services exonérés**

Article 3: Biens et services

Article 4: Remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée

Article 5: Utilisation des machines de facturation électronique

Article 6: Non-utilisation de la machine de facturation électronique

Article 7 : Non-respect des obligations de l'utilisateur d'une machine de facturation électronique

Article 8: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 9: Repealing provision**	**Article 9: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 10: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 10: Commencement**	**Article 10: Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 02/2015 RYO KU WA 25/02/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 37/2012 RYO KU WA 09/11/2012 RISHYIRAHO UMUSORO KU NYONGERAGACIRO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Mutarama 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 81, iya 90, iya 91, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Isubiye ku Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 6, iya 8, iya 22 n'iya 24;

LAW Nº02/2015 OF 25/02/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 37/2012 OF 09/11/2012 ESTABLISHING THE VALUE ADDED TAX

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 20 January 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 81, 90, 91, 92, 93, 94, 108 and 201;

Having reviewed Law nº 37/2012 of 09/11/2012 establishing the Value Added Tax, especially in Articles 5, 6, 8, 22 and 24;

LOI Nº 02/2015 DU 25/02/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 37/2012 DU 09/11/2012 PORTANT INSTAURATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 janvier 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 81, 90, 91, 92, 93, 94, 108 et 201;

Revu la Loi nº 37/2012 du 09/11/2012 portant Instauration de la taxe sur la valeur ajoutée, spécialement en ses articles 5, 6, 8, 22 et 24;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere: Ibintu na serivisi byakwa umusoro ku ijanisha rya zeru

Ingingo ya 5 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Ibintu na serivisi bikurikira bisoreshwa ku ijanisha rya zeru:

1° ibintu na serivisi byoherejwe mu mahanga;

2° amabuye y'agaciro yacurujwe ku isoko ry'imbere mu gihugu;

3° imirimo y'ubwikorezi mpuzamahanga bw'ibintu byinjira mu Rwanda n'imirimo y'ubwikorezi bw'ibintu binyura mu Rwanda bigana mu mahanga, harimo n'imirimo ijyana na bwo;

4° ibintu bigurishirizwa mu maduka adasoreshwa, nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga za gasutamo;

5° serivisi zishyuriwe umukerarugendo kandi zatanzweho umusoro ku nyongeragaciro;

ADOPTS:

Article One: Zero-rated goods and services

Article 5 of Law nº 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is modified and complemented as follows:

"The following goods and services shall be zero-rated:

1° exported goods and services;

2° minerals that are sold on the domestic market ;

3° international transportation services of goods entering Rwanda and transportation services of goods in transit in Rwanda to other countries, including related services;

4° goods sold in shops that are exempted from tax as provided for by the law governing customs;

5° services rendered to a tourist for which value added tax has been paid;

ADOPTE:

Article premier: Biens et services imposés au taux zéro

L'article 5 de la Loi nº 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée est modifié et complété comme suit :

« Les services et biens suivants sont imposés au taux zéro:

1° services et biens exportés;

2° minerais vendus sur le marché intérieur ;

3° services de transport international de biens entrant au Rwanda et services de transport de biens en transit au Rwanda vers l'étranger y compris des services connexes ;

4° biens vendus dans les magasins exonérés, en vertu de la loi douanière;

5° services rendus à un touriste sur lesquels la taxe sur la valeur ajoutée a été payée;

6° ibintu na serivisi bikurikira bigenewe abantu bihariye:

a) ibintu na serivisi bigenewe abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda bikoreshwa mu mirimo ijyanye n'akazi kabo;

b) ibintu na serivisi bigenewe imiryango mpuzamahanga ifitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda;

c) ibintu na serivisi bihawe imiryango nyarwanda itari iya Leta byaguzwe ku nkunga y'ibihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga bifitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda bijyanye kandi bikoreshwa mu nshingano zemeranyijweho;

d) ibintu na serivisi bigenewe imishinga iterwa inkunga n'abafatanyabikorwa bafitanye amasezerano na Leta y'u Rwanda.»

Komiseri Mukuru ashyiraho amabwiriza agena uburyo agace ka 6° k'iyi ngingo gashyirwa mu bikorwa.

<u>Ingingo ya 2</u>: Ibintu na serivisi bisonewe

Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku

6° the following goods and services intended for persons of a special category:

a) goods and services intended for diplomats accredited to Rwanda that are used in their missions;

b) goods and services intended for international organizations that have signed agreements with the Government of Rwanda;

c) goods and services donated to local non-governmental organizations, which have been acquired through funding by countries or international organizations that have signed agreements with the Government of Rwanda and for being used for agreed upon purposes;

d) goods and services intended for projects funded by partners that have signed agreements with the Government of Rwanda."

The Commissioner General shall set out rules governing the procedure for implementing the provisions of item 6° of this Article.

<u>Article 2</u>: Exempted goods and services

Article 6 of Law nº 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is modified and

6° biens et services suivants destinés à une catégorie particulière de personnes:

a) biens et services destinés aux diplomates accrédités au Rwanda et utilisés dans le cadre de leurs missions;

b) biens et services destinés aux organisations internationales ayant signé des accords avec l'Etat rwandais;

c) biens et services octroyés aux organisations non-gouvernementales de droit rwandais, obtenus sur le financement des pays ou des organisations internationales ayant signé des accords avec l'Etat rwandais et devant être utilisés pour des fins convenues ;

d) biens et services destinés aux projets financés par les partenaires ayant signé les accords avec l'Etat rwandais.»

Le Commissaire Général détermine les règles établissant la procédure de mise en application des dispositions du point 6° du présent article.

<u>Article 2</u>: Biens et services exonérés

L'Article 6 de la Loi nº 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur

nyongeragaciro ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Ibintu na serivisi bikurikira bisonewe umusoro ku nyongeragaciro:

1° serivisi yo gukwirakwiza amazi no gutunganya ibidukikije mu gihe bitagamije inyungu ukuyemo imirimo yo kuyobora amazi yanduye hakoreshejwe pompe;

2° ibintu na serivisi bijyana no kubungabunga ubuzima:

a) serivisi yo kubungabunga ubuzima, n'imirimo ikorwa mu buvuzi;

b) ibikoresho bigenewe abafite ubumuga;

c) ibintu n'imiti bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

Ibigo bishobora gusonerwa ibintu bivugwa mu gace ka 2° b) k'iyi ngingo bigomba kuba bizwi n'amategeko akurikizwa mu Rwanda nk'ibigo bya Leta, imiryango igamije imibereho myiza y'abaturage n'ibindi bigo byose bikora ibikorwa byo gufasha bidaharanira inyungu.

complemented as follows:

The following goods and services shall be exempted from value added tax:

1° services of supplying clean water and ensuring environment treatment for non-profit making purposes with the exception of sewage pump- out services;

2° goods and services for health-related purposes:

a) health and medical services;

b) equipment designed for persons with disabilities;

c) goods and drugs appearing on the list made by the Minister in charge of health and approved by the Minister in charge of taxes.

Bodies eligible for exemption under Sub Paragraph 2° b) of this Article shall be recognized by Rwandan laws as public institutions, social welfare organizations and any other form of voluntary or charity organisations.

ajoutée est modifié et complété comme suit :

Les biens et services suivants sont exonérés de la taxe sur la valeur ajoutée:

1° services de distribution d'eau potable et de préservation de l'environnement à des fins non lucratives à l'exception des services d'évacuation des eaux usées à l'aide des pompes;

2° biens et services de santé :

a) services de santé et services médicaux;

b) équipements destinés aux personnes vivant avec handicap;

c) biens et médicaments figurant sur la liste établie par le Ministre ayant la santé dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions.

Les établissements susceptibles de bénéficier de l'exonération prévue au point 2° b) du présent article doivent être reconnus par la législation rwandaise comme étant des institutions publiques, des organismes à caractère social et toute autre forme d'organisations caritatives sans but lucratif.

Ku bantu ku giti cyabo, ibikoresho bivugwa mu gace ka 2o b) bigomba kuba byemejwe na muganga wemewe na Leta ko bijyanye n'ubumuga bwe;

3° ibikoresho, serivisi n'imashini mfashanyigisho mu burezi bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

4° ibitabo, ibinyamakuru n'amagazeti;

5° serivisi z'ubwikorezi zikozwe n'ababiherewe uruhushya:

a) gutwara abantu ku nzira y'ubutaka mu modoka zifite ubushobozi bwo gutwara abantu cumi na bane (14) cyangwa barenga;
b) gutwara abantu mu ndege;

c) gutwara abantu cyangwa imizigo mu mato;

d) gutwara ibintu ku nzira y'ubutaka.

6° itiza, ikodeshagurisha n'igurisha:

a) igurisha cyangwa ikodeshagurisha ry'isambu;
b) kugurisha igice cyangwa inzu yose yagenewe guturwamo bisanzwe;

For natural persons, an authorized medical Doctor shall ascertain whether the equipment referred to in Sub Paragraph 2º b) relate to their disability;

3° educational materials, services and equipment appearing on the list made by the Minister in charge of education and approved by the Minister in charge of taxes;

4° books, newspapers and journals;

5° transportation services by licensed persons:

a) transportation of persons by road in vehicles which have a seating capacity of fourteen (14) persons or more;

b) transportation of persons by air;

c) transportation of persons or goods by boat;

d) transportation of goods by road;

6° lending, lease and sale:

a) sale or lease of land;

b) sale of a whole or part of a building for residential use;

Pour les personnes physiques, un médecin reconnu par l'Etat doit attester que les équipements visés au point 2º b) sont liés à leur handicap;

3° les biens, services et équipements pédagogiques figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions ;
4° les livres, journaux et magazines ;

5° les services de transport par les personnes autorisées:

a) transport des personnes par route dans des véhicules ayant une capacité de quatorze (14) places ou plus;

b) transport des personnes par avion;

c) transport des personnes ou des biens par bateau;
d) transport des biens par voie terrestre ;

6° prêt, location-vente et vente:

a) vente ou location-vente d'une propriété foncière;
b) vente en tout ou en partie d'un immeuble à usage résidentiel;

c) gukodesha cyangwa gutanga uburenganzira bwo kuba mu nzu yagenewe guturwamo n'umuntu umwe hamwe n'umuryango we, igihe cyose ubwo burenganzira bwo kuyibamo burengeje iminsi mirongo cyenda (90);

d) ikodeshagurisha ry'umutungo wimukanwa rikozwe n'ikigo cy'imari cyemewe;

7° serivisi zerekeye imari n'ubwishingizi:

a) amafaranga yerekeye ubwishingizi bw'ubuzima no kwivuza;

b) amafaranga banki yishyuza abantu bakoresha konti zitunguka;

c) imirimo y' ivunja ikorwa n' ibigo by' imari byemewe;

d) inyungu banki ikura ku bo yahaye inguzanyo n' izo itanga ku bayibikije amafaranga;

e) serivisi zikorwa na Banki Nkuru y' u Rwanda;

f) amafaranga yakwa na banki ku bitabo bya banki;

g) ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane;

c) renting or grant of the right to occupy a house used as a place of residence of one person and his/her family, if the period of accommodation for a continuous term exceeds ninety (90) days;

d) lease of a movable property made by licensed financial institution;

7° financial and insurance services:

a) premiums charged on life and medical insurance services;

b) bank charges on current account operations;

c) exchange operations carried out by licensed financial institutions;

d) interest chargeable on credit and deposits;

e) operations of the National Bank of Rwanda;

f) fees charged on vouchers and bank instruments;

g) capital market transactions for listed securities;

c) location ou cession du droit d'occupation d'une maison utilisée comme résidence d'une seule personne et sa famille, lorsque la période d'occupation dépasse quatre-vingt-dix (90) jours;

d) location-vente d'une propriété mobilière engagée par une institution financière agréée ;

7° services financiers et d'assurances :

a) primes relatives à l'assurance vie et médicale;

b) frais bancaires payés sur les opérations des comptes courants;

c) les opérations de change effectuées par les institutions financières agréées ;

d) les intérêts débiteurs sur les crédits et les intérêts créditeurs sur les dépôts ;

e) les opérations de la Banque Nationale du Rwanda ;

f) les frais bancaires perçus sur les extraits et autres instruments ;

g) les titres cotés sur le marché des capitaux;

h) ihererekanya ry'imigabane.

8° amabuye y'agaciro: kugurisha Banki Nkuru y'u Rwanda ibimanyu bya zahabu;

9° ibintu cyangwa imirimo ijyana no gushyingura cyangwa gutwika umurambo bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze ;

10° ibikoresho bitanga ingufu bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ingufu mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

11° imigabane itangwa mu mashyirahamwe y'abakozi ;

12° ikodesha gurisha ry'ibintu bisonewe ;

13° ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byose, uretse ibitunganyijwe. Icyakora, amata yatunganyirijwe mu nganda, uretse amata y'ifu n'ibikomoka ku mata, asonewe uwo musoro;

14° inyongeramusaruro n'ibindi bikoresho n'imashini byo mu buhinzi n'ubworozi bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

h) transfer of shares;

8° precious metals: sale of gold in bullion form to the National Bank of Rwanda;

9° any goods or services in connection with burial or cremation of a body provided by an Order of the Minister in charge of finance;

10° energy supply equipment appearing on the list made by the Minister in charge of energy and approved by the Minister in charge of taxes;

11° trade union subscriptions;

12° leasing of exempted goods;

13° all agricultural and livestock products, except processed ones. However, milk processed, excluding powder milk and milk-derived products, is exempted from this tax;

14° agricultural inputs and other agricultural and livestock materials and equipment appearing on the list made by the Minister in charge of agriculture and livestock and approved by the Minister in charge of taxes;

h) transfert d'actions;

8° métaux précieux: la vente à la Banque Nationale du Rwanda de lingots d'or;

9° biens ou services se rapportant à l'inhumation ou à l'incinération d'un cadavre déterminés par un arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions ;

10° équipements de fourniture d'énergie figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'énergie dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions;

11° cotisations dans les organisations syndicales ;

12° location-vente des biens exonérés ;

13° tous les produits agricoles et d'élevage, sauf s'ils sont transformés. Toutefois, le lait transformé, à l'exception du lait en poudre et des produits à base de lait, est exonéré de cette taxe ;

14° intrants agricoles et autres matériels et équipements agricoles et d'élevage figurant sur la liste établie par le Ministre ayant l'agriculture et l'élevage dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions;

15° imikino y'amahirwe isoreshwa n'Itegeko rigena Umusoro ku Mikino y'Amahirwe;

16° ibikoresho bwite by'abahagarariye u Rwanda mu mahanga, batashye bavuye mu butumwa, impunzi z'Abanyarwanda zitashye, n'abandi bantu bagarutse mu gihugu basanzwe bemerewe ubusonerwe hakurikijwe amategeko ya gasutamo. Ibijyanye n'amezi cumi n'abiri (12) arebana n'isonerwa ry'imodoka biteganywa mu mategeko ya gasutamo ntibireba abahagarariye u Rwanda mu mahanga batashye bavuye mu butumwa;

17° ibikoresho na serivisi bigenewe ahantu hihariye mu by'ubukungu mu Rwanda byinjijwe mu gihugu n'ikigo gikorera ahantu hihariye kibifitiye uruhushya;

18° telefoni zigendanwa na simukadi;

19° ibikoresho by'ikoranabuhanga, itumanaho n'ikwirakwizwa ry'amakuru bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite ikoranabuhanga mu nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze.

Ingingo ya 3: Ibintu na serivisi

Ingingo ya 8 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku

15° gaming activities taxable under the Law establishing tax on gaming activities;

16° personal effects of Rwandan diplomats returning from foreign postings, Rwandan refugees and returnees entitled to tax relief under customs laws. The period of twelve (12) months required for tax relief for vehicles provided under customs laws shall not apply to Rwandan diplomats returning from foreign postings;

17° goods and services meant for Special Economic Zones imported by a zone user holding this legal status;

18° mobile telephones and SIM cards;

19° information, communication and technology equipment appearing on the list made by the Minister in charge of information and communication technology and approved by the Minister in charge of taxes.

Article 3: Goods and services

Article 8 of Law nº 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is modified and complemented as follows:

15° les activités de jeux de hasard taxées selon la loi régissant la taxe sur les jeux de hasard;

16° effets personnels des diplomates de retour d'une mission diplomatique, des réfugiés rwandais et d'autres personnes qui retournent au pays. Les délais de douze (12) mois requis pour l'admission en exonération pour les véhicules prévus par la législation douanière ne s'appliquent pas aux diplomates rwandais de retour d'une mission diplomatique ;

17° biens et services destinés aux zones économiques spéciales au Rwanda importés par un utilisateur de zone détenteur de ce statut légal ;

18° téléphones portables et cartes SIM;

19° matériel de la technologie de la communication et de l'information figurant sur la liste établie par le Ministre ayant les technologies de l'information et de la communication et approuvée par le Ministre ayant les taxes dans ses attributions.

Article 3: Biens et services

L'Article 8 de la Loi nº 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur

nyongeragaciro ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Ibikorwa bikurikira byitwa gutanga ibintu cyangwa serivisi bisoreshwa:

1° igurisha, igurana, cyangwa gutanga uburenganzira bwo gutunga ibintu nka nyir'umutungo;

2° kugwatiriza ibintu mu rwego rw'amasezerano y'ikodesha-gurisha.

Ikintu cyose gikozwe kitari ugutanga ibintu cyangwa amafaranga kiba ari ugutanga serivisi, habariwemo:

1° gutanga cyangwa kurekera undi muntu uburenganzira ;

2° gutanga uburyo bwo korohereza;

3° kugwatiriza ibintu mu rwego rw'amasezerano y'ikodesha-gurisha rigamije ahanini gukodesha.

Iyo habayeho itangwa ry'ibintu cyangwa serivisi bikozwe n'umusoreshwa, mu buryo budahoraho, haba ingurane cyangwa itariho:

1° ku nyungu ze bwite;

2° ku nyungu ze bwite n'iz'abandi;

"The following acts shall constitute the supply of taxable goods or services:

1° sale, exchange or other transfer of the right to dispose of goods by the owner;

2° lease of goods under a leasing agreement.

Any operation other than the supply of goods or money shall be considered as an act of service delivery which includes:

1° the transfer or surrender of any right to any other person;

2° the provision of any means for facilitation;

3° the lease of goods under operating leasing agreement aiming mainly at lease.

When there is a supply of goods or services by a taxpayer, even occasionally, with or without consideration:

1° for his/her own benefit;

2° for the benefit of himself/herself and others;

ajoutée est modifié et complété comme suit :

« Les actes suivants constituent une livraison des biens ou services taxables:

1° vente, échange ou autre cession de droit à disposer des biens par le propriétaire;

2° bail des biens dans le cadre d'un contrat de crédit-bail.

Toute opération autre que la livraison de biens ou d'argent est une prestation de services, y compris :

1° la cession ou la remise d'un droit;

2° la mise à disposition de toute facilité ou d'un avantage;

3° le bail des biens dans le cadre d'un contrat de crédit-bail visant surtout le bail.

Lorsqu'il y a livraison même occasionnelle des biens ou de services, fait par un contribuable, avec ou sans contrepartie:

1° pour son intérêt personnel;

2° pour son intérêt personnel et celui des tiers;

3° ku nyungu z'abanyamuryango bafatanyije, iz'umuyobozi uwo ari we wese cyangwa iz'umukozi wese waba akora mu kigo;

4° ku nyungu z'abaguzi uretse ubwasisi ku itumanaho rikoresheje telefoni bwemejwe n'urwego rufite mu nshingano zarwo kugenzura inzego z'imirimo ifitiye igihugu akamaro, itangwa ry'ibyo bintu cyangwa serivisi rirasoreshwa."

Ingingo ya 4: Isubizwa ry'umusoro ku nyongeragaciro

Ingingo ya 22 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

«Iyo, mu gihe cy'isoreshwa cyihariye cyagenwe, umusoro ku kiranguzo wemewe urenze umusoro wakiriwe, Komiseri Mukuru asubiza umuntu wagemuye umubare yamusigayemo nk'umwenda kubera icyo kirenga, amaze kubona inyandiko igaragaza imenyesha yakoze mu minsi mirongo itatu (30):

1° nyuma y'umunsi igihe cyagenwe cyo gukora imenyesha kirangiriye ;

2° nyuma yo kubona gihamya ko imenyesha rya nyuma ryari risigaye ryakozwe.

3° for the benefit of the business partners or of any director or person employed in the business;

4° for the benefit of customers of the business, except bonuses on telephone communications approved by the institution in charge of public utilities regulation, the supply of such goods or services shall be taxable."

Article 4: Value added tax refund

Article 22 of Law nº 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is modified and complemented as follows:

"If, during a particular prescribed taxation period, the input tax exceeds output tax, the Commissioner General shall refund the supplier the due amount to which the supplier stands in credit by reason of the excess, on receipt of the relevant tax return document within thirty (30) days:

1° after one day from the expiry of the prescribed period for tax declaration;

2° after receipt of proof of the last outstanding tax declaration.

3° pour le bénéfice de ses associés, de tout dirigeant ou celui de toute autre personne employée dans l'entreprise;

4° pour le bénéfice des clients de l'entreprise, exception faite des bonus sur les communications téléphoniques approuvés par l'organe ayant la régulation des services d'utilité publique dans ses attributions, cette livraison de biens ou de services est taxable. »

Article 4: Remboursement de la taxe sur la valeur ajoutée

L'article 22 de la Loi nº 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée est modifié et complété comme suit :

«Lorsque, relativement à un exercice fiscal particulier déterminé, l'impôt amont autorisé dépasse l'impôt aval pour cet exercice, le Commissaire Général rembourse au fournisseur le montant correspondant au crédit du fournisseur en raison de l'excédent, dès la réception du document relatif à la déclaration faite dans un délai de trente (30) jours:

1° un jour après l'expiration de la période prescrite pour présenter la déclaration;

2° après réception de la preuve de la dernière déclaration en retard.

Cyakora, umusoro ku nyongeragaciro watanzwe n'abashoramari biyandikishije usubizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'uko Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyakiriye inyandiko ibisaba.

Mbere y'iyishyura, Komiseri Mukuru ashobora gutegeka ko hakorwa igenzura ku busabe bwo gusubizwa cyangwa kugabanyirizwa bwamugejejweho. Iyo bigenze bityo, igihe igisubizo kigomba kuba cyahawe uwasabye ntikirenga amezi atatu (3) guhera ku itariki ubusabe bwatangiweho ».

<u>Ingingo ya 5</u>: Ikoreshwa ry'imashini z'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi z'ibyacurujwe

Ingingo ya 24 y'Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Abantu biyandikishije ku gutanga umusoro ku nyongeragaciro bafite inshingano yo gukoresha imashini y'ikoranabuhanga yemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro ikoreshwa mu gutanga inyemezabuguzi igaragaza umusoro.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'imashini y'ikoranabuhanga yemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro ikoreshwa mu gutanga inyemezabuguzi, uburyo bwo kuyikoresha, ibisabwa igomba kuba yujuje n'inshingano z'uyikoresha."

However, the value added tax paid by registered investors shall be refunded within a period not exceeding fifteen (15) days after receipt by the Revenue Authority of the relevant application.

Prior to payment, the Commissioner General may order for verification of the claim for refund or deduction submitted to him/ her. In such a case, the period for the response to be communicated shall not exceed three (3) months from the date of submission of the claim".

<u>Article 5</u>: Use of electronic billing machines

Article 24 of Law nº 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is modified and complemented as follows:

"Value added tax registered persons shall have the obligation to use tax administration-approved electronic billing machine that generates invoices indicating the tax.

An Order of the Minister shall determine the design of electronic billing machine approved by the tax administration, modalities of use thereof, required specifications for the machine and obligations of the user."

Toutefois, la taxe sur la valeur ajoutée payée par les investisseurs enregistrés leur est remboursée dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours suivant la réception par l'Office des Recettes de la demande y relative.

Le Commissaire Général peut, avant que le paiement ne soit effectué, ordonner la vérification de la demande de remboursement ou de déduction lui présentée. Dans ce cas, le délai pour communiquer la réponse ne doit pas excéder trois (3) mois à partir de la date de présentation de la demande».

<u>Article 5</u>: Utilisation des machines de facturation électronique

L'Article 24 de la Loi nº 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée est modifié et complété comme suit :

«Les personnes enregistrées à la taxe sur la valeur ajoutée ont l'obligation d'utiliser une machine de facturation électronique agréée par l'administration fiscale et imprimant des factures mentionnant les taxes.

Un arrêté du Ministre détermine le format de la machine de facturation électronique agréée par l'administration fiscale, les modalités d'utilisation, les spécifications requises pour cette machine et les obligations de l'utilisateur.»

Ingingo ya 6: Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ryongewemo ingingo ya 24 bis iteye ku buryo bukurikira :

"Ingingo ya 24 bis: Kudakoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Umuntu wese usabwa gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ariko ntayikoreshe mu bikorwa bye by'ubucuruzi cyangwa wangiza ku bushake imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi acibwa ihazabu ryo mu rwego rw'ubutegetsi mu buryo bukurikira:

1° miliyoni makumyabiri (20.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda iyo afite igicuruzo rusange kiri hejuru ya miliyoni magana ane n'ifaranga rimwe (400.000.001 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'umusoro;

2° miliyoni icumi (10.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda iyo afite igicuruzo rusange kiri hagati ya miliyoni mirongo itanu n'ifaranga rimwe (50.000.001 Frw) na miliyoni magana ane (400.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'umusoro;

Article 6: Failure to use electronic billing machine

Law n° 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is complemented by Article 24 bis worded as follows:

"Article 24 bis: Failure to use electronic billing machine

Any person required to use electronic billing machine in his/her business operations who fails to use it or intentionally damages it shall be liable to an administrative fine as follows:

1° twenty million Rwandan francs (Rwf 20,000,000) when his/her overall turnover is above four hundred million and one Rwandan francs (Rwf 400,000,001) for each tax period;

2° ten million Rwandan francs (Rwf 10,000,000) when his/her overall turnover is between fifty million and one Rwandan francs (Rwf 50,000,001) and four hundred million Rwandan francs (Rwf 400,000,000) for each tax period;

Article 6: Non-utilisation de la machine de facturation électronique

La Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée est complétée par l'article 24 bis libellé comme suit :

«Article 24 bis: Non-utilisation de la machine de facturation électronique

Toute personne tenue d'utiliser la machine de facturation électronique dans ses activités commerciales mais qui ne l'utilise pas ou qui l'endommage intentionnellement est passible d'une amende administrative comme suit :

1° vingt millions de francs rwandais (20.000.000 Frw) lorsque son chiffre d'affaires global est supérieur à quatre cent millions et un francs rwandais (400.000.001 Frw) pour chaque période imposable;

2° dix millions de francs rwandais (10.000.000 Frw) lorsque son chiffre d'affaires global se situe entre cinquante millions et un francs rwandais (50.000.001 Frw) et quatre cents millions de francs rwandais (400.000.000 Frw)

3° miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda iyo afite igicuruzo rusange kiri hagati ya miliyoni cumi n'ebyiri n'ifaranga rimwe (12.000.001 Frw) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'umusoro.

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umuntu wese wangiza abishaka imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ashobora gukurikiranwa hashingiwe ku ngingo zirebana n'ibyaha bikorwa mu rwego rw'imisoro biteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha."

Ingingo ya 7: Kutubahiriza inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Itegeko n° 37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro ryongewemo ingingo ya 24 ter iteye ku buryo bukurikira:

"Ingingo ya 24 ter: Kutubahiriza inshingano z'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi

Umuntu wese usabwa gukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi agomba kubahiriza inshingano zirebana

3° five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000) when his/her overall turnover is between twelve million and one Rwandan francs (Rwf 12,000,001) and fifty million Rwandan francs (Rwf 50,000,000) for each tax period.

Without prejudice to the provisions of Paragraph One of this Article, any person who intentionally damages an electronic billing machine may be prosecuted in accordance with the provisions relating to tax offences provided for by the Penal Code."

Article 7: Non-compliance with obligations of the user of electronic billing machine

Law n° 37/2012 of 09/11/2012 establishing the value added tax is complemented with Article 24 ter worded as follows:

"Article 24 ter: Non-compliance with obligations of the user of electronic billing machine

Any person required to use an electronic billing machine shall comply with the obligations relating to the user provided for by an Order of the Minister.

pour chaque période imposable;

3° cinq millions de francs rwandais (5.000.000 Frw) lorsque son chiffre d'affaires global se situe entre douze millions et un francs rwandais (12.000.001 Frw) et cinquante millions de francs rwandais (50.000.000Frw) pour chaque période imposable.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, toute personne qui endommage intentionnellement une machine de facturation électronique peut être poursuivie conformément aux dispositions relatives aux délits fiscaux prévus par le Code Pénal. »

Article 7: Non-respect des obligations de l'utilisateur d'une machine de facturation électronique

La Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée est complétée par l'article 24 ter libellé comme suit :

« Article 24 ter : Non-respect des obligations de l'utilisateur d'une machine de facturation électronique

Toute personne tenue d'utiliser une machine de facturation électronique doit respecter les obligations relatives à l'utilisateur prévues par

n'ukoresha imashini y'ikoranabuhanga mu gutanga inyemezabuguzi ziteganywa n'iteka rya Minisitiri.

Utubahirije izo nshingano acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi mu buryo bukurikira:

1° miliyoni icumi (10.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda iyo afite igicuruzo rusange kiri hejuru ya miliyoni magana ane n'ifaranga rimwe (400.000.001Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'isoresha;

2° miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda iyo afite igicuruzo rusange kiri hagati ya miliyoni mirongo itanu n'ifaranga rimwe (50.000.001 Frw) na miliyoni magana ane (400.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'isoresha ;

3° miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana atanu (2.500.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda iyo afite igicuruzo rusange kiri hagati ya miliyoni cumi n'ebyiri n'ifaranga rimwe (12.000.001 Frw) na miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'isoresha;

4° ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) by'amafaranga y'u Rwanda iyo afite

Any person who fails to comply with those obligations shall be liable to an administrative fine as follows:

1° ten million Rwandan francs (Rwf 10,000,000) when his/her overall turnover is above four hundred million and one Rwandan francs (Rwf 400,000,001) for each tax period;

2° five million Rwandan francs (Rwf 5,000,000) when his/her overall turnover is between fifty million and one Rwandan francs (Rwf 50,000,001) and four hundred million Rwandan francs (Rwf 400,000,000) for each tax period;

3° two million and five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 2,500,000) when his/her overall turnover is between twelve million and one Rwandan francs (Rwf 12,000,001) and fifty million Rwandan francs (Rwf 50,000,000) for each tax period;

4° five hundred thousand Rwandan francs (Rwf 500,000) when his/her overall

Arrêté du Ministre.

Toute personne qui ne respecte pas ces obligations est passible d'une amende administrative comme suit :

1° dix millions de francs rwandais (10.000.000 Frw) lorsque son chiffre d'affaires global est supérieur à quatre cent millions et un francs rwandais (400.000.001 Frw) pour chaque période imposable;

2° cinq millions de francs rwandais (5.000.000 Frw) lorsque son chiffre d'affaires global se situe entre cinquante millions et un francs rwandais (50.000.001 Frw) et quatre cents millions de francs rwandais (400.000.000 Frw) pour chaque période imposable;

3° deux millions cinq cent mille francs rwandais (2.500.000 Frw) quand son chiffre d'affaires global se situe entre douze millions et un francs rwandais (12.000.001 Frw) et cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 Frw) pour chaque période imposable ;

4° cinq cent mille francs rwandais (500.000 Frw) quand son chiffre d'affaires global

igicuruzo rusange kingana cyangwa kiri munsi ya miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'isoresha.

turnover is less than or equal to twelve million Rwandan francs (Rwf 12,000,000) for each tax period.

est inférieur ou égal à douze millions de francs rwandais (12.000.000 Frw) pour chaque période imposable.

Ingingo ya 8: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 8: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 8: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 9: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this law are hereby repealed.

Article 9: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 10: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 10: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 10: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 25/02/2015

Kigali, on 25/02/2015

Kigali, le 25/02/2015

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEGEKO SHINGIRO (STATUTS) RY'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y' ABATURAGE (P.S.D.)	**STATUTES OF THE SOCIAL DEMOCRATIC PARTY (P.S.D.)**	**STATUTS DU PARTI SOCIAL DEMOCRATE (P.S.D.)**
IRANGASHINGIRO	**PREAMBLE**	**PREAMBULE**
UMUTWE WA 1: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER 1: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**
Icyiciro cya mbere: Izina	**Section one: Name**	**Section première: Dénomination**
Ingingo ya 1: Izina ry'Ishyaka	**Article 1: Name of the Party**	**Article premier: Nom du Parti**
Icyiciro cya 2: Ibiranga Ishyaka	**Section 2: Symbols of the Party**	**Section 2: Symboles du Parti**
Ingingo ya 2: Ibiranga Ishyaka	**Article 2: Symbols of the Party**	**Article 2 : Symboles du Parti**
Ingingo ya 3: Intego y'Ishyaka	**Article 3: Motto of the Party**	**Article 3: Devise du Parti**
Ingingo ya 4: Ibendera n'ibirigize	**Article 4: Flag and its components**	**Article 4: Drapeau et ses composantes**
Ingingo ya 5: Ikirango cy'Ishyaka	**Article 5: Seal of the Party**	**Article 5: Sceau du Parti**
Icyiciro cya 3: Icyicaro n'imigambi by'Ishyaka	**Section 3: Head Office and objectives of the Party**	**Section 3: Siège et objectifs du Parti**
Ingingo ya 6: Icyicaro cy'Ishyaka	**Article 6: Head Office of the Party**	**Article 6: Siège du Parti**
Ingingo ya 7: Imigambi y'Ishyaka	**Article 7: Objectives of the Party**	**Article 7: Objectifs du Parti**
UMUTWE WA II: ABAYOBOKE B'ISHYAKA	**CHAPTER II: MEMBERS OF THE PARTY**	**CHAPITRE II: MEMBRES DU PARTI**

Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'abayoboke	**Section one: Categories of members**	**Section première: Catégories des membres**
Ingingo ya 8: Ibyiciro by'abayoboke b'Ishyaka	**Article 8: Categories of members of the Party**	**Article 8: Catégories des membres du Parti**
Ingingo ya 9: Abayoboke basanzwe	**Article 9: Ordinary members**	**Article 9: Membres ordinaires**
Ingingo ya 10: Abayoboke b'icyubahiro	**Article 10: Honorary members**	**Article 10: Membres d'honneur**
Icyiciro cya 2: Kwemererwa kuba umuyoboke, gusezera, no kugaruka mu Ishyaka	**Section 2: Conditions for membership, resignation and reinstatement the Party**	**Section 2: Admission, démission, et réhabilitation d'un membre au sein du Parti**
Ingingo ya 11: Kwemererwa kuba umuyoboke usanzwe	**Article 11: Membership in the capacity of ordinary member**	**Article 11: Admission en qualité de membre ordinaire**
Ingingo ya 12: Gusezera mu Ishyaka	**Article 12: Resignation from the Party**	**Article 12: Démission du Parti**
Ingingo ya 13: Kugaruka mu Ishyaka k'umuyoboke wasezeye	**Article 13: Reintegration in the Party.**	**Article 13: Réhabilitation au sein du Parti**
Icyiciro cya 3: Inshingano n'uburenganzira by'abayoboke	**Section 3: Members' obligations and rights**	**Section 3: Obligations et Droits des membres**
Ingingo ya 14: Inshingano z'abayoboke	**Article 14: Members' obligations**	**Article 14: Obligations des membres**
Ingingo ya 15: Uburenganzira bw'abayoboke	**Article 15: Members' rights**	**Article 15: Droits des membres**
UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BY'ISHYAKA	**CHAPTER III: STUCTURE AND FUNCTIONING OF THE PARTY**	**CHAPITRE III: STRUCTURE ET FONCTIONNEMENT DU PARTI**
Icyiciro cya mbere: Imiterere y'Ishyaka	**Section one: Structure of the Party**	**Section première: Structure du Parti**
Akiciro ka mbere: Ifasi Ishyaka rikoreramo	**Sub-section one: Jurisdiction of the Party**	**Sous-section première: Ressort des activités du Parti**
Ingingo ya 16: Ifasi y'Ishyaka	**Article 16: Jurisdiction of the Party**	**Article 16: Ressort du Parti**

Akiciro ka 2 : Imiterere y'inzego z'Ishyaka	**Sub-section 2: Structure of organs of the Party**	**Sub-section 2: Structure des organes du Parti**
Ingingo ya 17: Inzego z'Ishyaka zikorera ku rwego rw'Igihugu	**Article 17: Organs of the Party at National level**	**Article 17: Organes du Parti au niveau national**
Ingingo ya 18: Abagize Kongere y'Igihugu	**Article 18: Members of the National Congress**	**Article 18 : Membres du Congrès National**
Ingingo ya 19: Abagize Biro Politiki	**Article 19: Members of the Political Bureau**	**Article 19: Membres du Bureau Politique**
Ingingo ya 20: Komisiyo za Biro Politiki	**Article 20: Commissions of the Political Bureau**	**Article 20: Commissions du Bureau Politique**
Ingingo ya 21: Abagize Komite Nyobozi	**Article 21: Members of the Executive Committee**	**Article 21: Membres du Comité Exécutif**
Ingingo ya 22: Manda y'abagize Komite Nyobozi	**Article 22: Term of office of Executive Committee Members**	**Article 22: Mandat des membres du Comité Exécutif**
Ingingo ya 23: Abagize Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke, ku rwego rw'Igihugu	**Article 23: Members of Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at national level**	**Article 23: Membres du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau national**
Ingingo ya 24: Manda y'abagize Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke ku rwego rw'Igihugu	**Article 24: Term of office of members of Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at national level**	**Article 24: Mandat des membres du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau national**
Ingingo ya 25: Abagize Inama Ngishwanama	**Article 25: Members of the Consultative Council**	**Article 25: Membres du Conseil Consultatif**
Ingingo ya 26: Inzego z'Ishyaka mu Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali.	**Article 26: Organs of the Party at provincial or Kigali City levels.**	**Article 26: Organes du Parti au niveau de la province ou de la Ville de Kigali.**

Ingingo ya 27:Abagize Inama y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali	**Article 27: Members of the Provincial Council or of the City of Kigali Council**	**Article 27: Membres du Conseil Provincial ou du Conseil de la Ville de Kigali**
Ingingo ya 28: Abagize Komite y'Ishyaka mu Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali	**Article 28: Members of Party's Committee in Province or in the City of Kigali**	**Article 28: Membres de Comité du Parti dans la Province ou la Ville de Kigali**
Ingingo ya 29: Manda y'Abagize Komite y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali	**Article 29: Term of office of Provincial or Kigali City Committee members**	**Activité 29: Mandat des membres du Comité provincial ou de la Ville de Kigali**
Ingingo ya 30: Inzego z'Ishyaka ku rwego rw'Akarere	**Article 30: Party organs at District level**	**Article 30 : Organes du Parti au niveau du District**
Ingingo ya 31: Abagize Kongere y' Ishyaka mu Karere	**Article 31: Party Congress members at District level**	**Article 31: Membres du Congrès du Parti au niveau du District**
Ingingo ya 32: Abagize Komite y'Ishyaka mu Karere	**Article 32: Members of District Committee of the Party**	**Article 32 : Membres du Comité du Parti au niveau du District**
Ingingo ya 33: Manda y'Abagize Komite y'Ishyaka mu Karere	**Article 33: Term of office of District Committee members**	**Article 33 : Mandat des membres du Comité du Parti au niveau du District**
Ingingo ya 34: Abagize Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Karere	**Article 34: Members of Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at District level**	**Article 34 : Membres du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau du District**
Ingingo ya 35: Inzego z'Ishyaka mu Murenge	**Article 35: Party organs at Sector level**	**Article 35: Organes du Parti au niveau du Secteur**
Ingingo ya 36: Abagize Kongere y'Ishyaka mu Murenge	**Article 36: Party Congress members at Sector level**	**Article 36: Membres du Congrès du Parti au niveau du Secteur**
Ingingo ya 37: Abagize Komite y'Ishyaka mu Murenge	**Article 37: Members of Party Committee at Sector level**	**Article 37: Membres du Comité du Parti au niveau du Secteur**

Ingingo ya 38: Manda y'abagize Komite y'Ishyaka mu Murenge	**Article 38: Term of office of Party Committee at Sector level.**	**Article 38: Mandat du Comité du Parti au niveau de Secteur**
Ingingo ya 39: Abagize Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Murenge	**Article 39: Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at Sector level**	**Article 39: Membres du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau du Secteur**
Ingingo ya 40: Inzego z'Ishyaka mu Kagari	**Article 40: Party organs at Cell level**	**Article 40: Organes du Parti au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 41: Abagize Inteko y'Akagari	**Article 41: Members of the Cell's Assembly**	**Article 41: Membres de l'Assemblée au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 42: Abagize Komite y'Ishyaka mu Kagari	**Article 42: Members of Party's Committee in the Cell**	**Article 42: Membres du Comité du Parti au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 43: Manda y'abagize Komite y'Ishyaka mu Kagari	**Article 43: Term of office of the Committee of the Party at Cell level**	**Article 43: Mandat du Comité du Parti au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 44: Abagize Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Kagari	**Article 44: Members of the Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at Cell level**	**Article 44: Membres du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 45: Inzego z'Ishyaka mu Mudugudu	**Article 45: Party organs at Village level**	**Article 45: Organes du Parti au niveau du Village**
Ingingo ya 46: Abagize Inteko y'Umudugudu	**Article 46: Village Assembly members**	**Article 46: Membres de l'Assemblée du Village**
Ingingo ya 47: Abagize Komite y'Ishyaka mu Mudugudu	**Article 47: Village Committee members**	**Article 47: Membres du Comité du Parti au niveau du Village**

Ingingo ya 48: Itorwa na manda by'abagize Komite y'Ishyaka mu Mudugudu	**Article 48: Election and term of office of Village Committee members**	**Article 48: Election et mandat des membres du Comité au niveau du Village**
Ingingo ya 49: Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Mudugudu	**Article 49: Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at Village level**	**Article 49: Membres du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau du Village**
Icyiciro cya 2:Imikorere y'inzego z'Ishyaka	**Section 2: Functioning of the Party organs**	**Section 2: Fonctionnement des organes du Parti**
Akiciro ka mbere : Imikorere ya Kongere y'Igihugu	**Sub-section one: Functioning of the National Congress**	**Sous-section première: Fonctionnement du Congrès National**
Ingingo ya 50: Ububasha n'inshingano bya Kongere y'Igihugu	**Article 50: Powers and responsibilities of the National Congress**	**Article 50: Pouvoirs et attributions du Congrès National**
Ingingo ya 51: Itumizwa n'iterana rya Kongere y'Igihugu	**Article 51: Convening and meeting of the National Congress**	**Article 51: Convocation et réunion du Congrès National**
Akiciro ka 2: Imikorere ya Biro Politiki y'Ishyaka	**Sub-section 2: Functioning of Party Political Bureau**	**Sous section 2: Fonctionnement du Bureau Politique du Parti**
Ingingo ya 52: Inshingano za Biro Politiki	**Article 52: Responsibilities of the Political Bureau**	**Article 52: Attributions du Bureau Politique**
Akiciro ka 3: Imikorere ya Komite Nyobozi	**Sub-section 3: Functioning of the Executive Committee**	**Sous section 3: Fonctionnement du Comité Exécutif**
Ingingo ya 53: Inshingano za Komite Nyobozi y'Ishyaka	**Article 53: Responsibilities of the Executive Committee of the Party**	**Article 53: Attributions du Comité Exécutif du Parti**
Akiciro ka 4: Imikorere ya Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke ku rwego rw'Igihugu	**Sub-Section 4: Functioning of Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at national level**	**Sub-Section 4: Fonctionnement du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau national**

Ingingo ya 54 : Inshingano za Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke ku rwego rw'Igihugu	**Article 54: Responsibilities of the Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at national level**	**Article 54: Attributions du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau national**
Akiciro ka 5: Imikorere y'Inama Ngishwanama	**Sub-section 5: Functioning of the Consultative Council**	**Sous-section 5: Fonctionnement du Conseil Consultatif**
Ingingo ya 55: Imikorere n'inshingano by'Inama Ngishwanama	**Article 55: Functioning and responsibities of the Consultative Council**	**Article 55: Fonctionnement et attributions du Conseil Consultatif**
Akiciro ka 6: Imikorere y'inzego z'Ishyaka mu Ntara, Umujyi wa Kigali, Uturere, Imirenge, Utugari n'Imidugudu	**Sub-Section 6: Functioning of Party organs in Provinces, City of Kigali, Districts, Sectors, Cells and Villages**	**Sous-section 6: Fonctionnement des organes du Parti au niveau des Provinces, Ville de Kigali, Districts, Secteurs, Cellules et Villages**
Ingingo ya 56: Inshingano z'Inama y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali	**Article 56: Responsibilities of the Provincial or Kigali City Councils**	**Article 56: Attributions du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali**
Ingingo ya 57: Inshingano za Komite y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali n'igihe iterana	**Article 57: Responsibilities of the Provincial or City of Kigali Committee and periodicity of its meeting**	**Article 57: Attributions du Comité provincial ou de la Ville de Kigali et périodicité de sa réunion**
Ingingo ya 58: Inshingano za Kongere y'Akarere	**Article 58: Responsibilities of the Congress of the Party at District level**	**Article 58: Attributions du Congrès du Parti au niveau du District**
Ingingo ya 59: Inshingano za Komite y'Ishyaka ku rwego rw'Akarere	**Article 59: Responsibilities of the District Party Committee**	**Article 59: Attributions du Comité du Parti au niveau du District**
Ingingo ya 60: Inshingano za Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Karere	**Article 60: Responsibilities of the Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at District level**	**Article 60: Attributions du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau du District**
Ingingo ya 61: Inshingano za Kongere y'Umurenge	**Article 61: Responsibilities of the Sector Congress**	**Article 61: Attributions du Congrès au niveau du Secteur**

Ingingo ya 62: Inshingano za Komite y'Ishyaka ku rwego rw'Umurenge	**Article 62: Responsibilities of Party Committee at Sector level**	**Article 62: Attributions du Comité du Parti au niveau du Secteur**
Ingingo ya 63: Inshingano za Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Murenge	**Article 63: Responsibilities of the Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at Sector level**	**Article 63: Attributions du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau du Secteur**
Ingingo ya 64: Inshingano z'Inteko y'Akagari	**Article 64: Responsibilities of the Cell's Assembly**	**Article 64: Attributions de l'Assemblée du Parti au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 65: Inshingano za Komite y'Ishyaka ku rwego rw'Akagari	**Article 65: Responsibilities of the Party Committee at Cell level**	**Article 65: Attributions du Comité du Parti au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 66: Inshingano za Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Kagari	**Article 66: Responsibilities of the Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at Cell level**	**Article 66: Attributions du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau de la Cellule**
Ingingo ya 67: Inshingano z'Inteko y'Umudugudu	**Article 67: Responsibilities of the Village Assembly**	**Article 67: Attributions de l'Assemblée du Village**
Ingingo ya 68: Inshingano za Komite y'Ishyaka mu rwego rw'Umudugudu	**Article 68: Responsibilities of the Party Committee at Village level**	**Article 68: Attributions du Comité du Parti au niveau du Village**
Ingingo ya 69: Inshingano za Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke mu Mudugudu	**Article 69: Responsibilities of Committee in charge of Party functioning and conduct of its members at Village level**	**Article 69: Attributions du Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres au niveau du Village**
UMUTWE WA IV: INGINGO ZIHURIWEHO N'INZEGO Z'ISHYAKA	**CHAPTER IV: PROVISIONS GOVERNING ALL THE ORGANS OF THE PARTY**	**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS COMMUNES AUX ORGANES DU PARTI**
Ingingo ya 70: Amatora y'abayobozi b'inzego	**Article 70: Election of the leaders of Party**	**Article 70 : Election des dirigeants des**

z'Ishyaka	**organs**	**organes du Parti**
Ingingo ya 71: Kubahiriza ihame ry'uburinganire	**Article 71: Respecting the gender principle**	**Article 71: Respect du principe de l'égalité de genre**
Ingingo ya 72: Indahiro	**Article 72: Oath**	**Article 72: Prestation de serment**
Ingingo ya 73: Gutumira inama z'Ishyaka	**Article 73: Convening of the Party meetings**	**Article 73: Convocation des réunions du Parti**
Ingingo ya 74: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ziterane	**Article 74: Quorum required to hold legitimate Party meetings**	**Article 74: Quorum requis pour la tenue des réunions**
Ingingo ya 75: Iterana ry'inama z'Ishyaka	**Article 75: Holding of the Party meetings**	**Article 75: Tenue des réunions du Parti**
Ingingo ya 76: Gukurikirana inama z'Ishyaka	**Article 76: Participation in Party meetings**	**Article 76: Participation aux réunions du Parti**
Ingingo ya 77: Gutanga raporo	**Article 77: Reporting**	**Article 77: Présentation des rapports**
Ingingo ya 78: Inzego z'imirimo y'Ishyaka	**Article 78: Party's service organs**	**Article 78: Organes de service du Parti**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BY'ISHYAKA	**CHAPTER V: PATRIMONY AND FINANCES OF THE PARTY**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DU PARTI**
Ingingo ya 79: Inkomoko y'umutungo n'imari by'Ishyaka	**Article 79: Sources of patrimony and finances of the Party**	**Article 79: Provenance du patrimoine et des finances du Parti**
Ingingo ya 80: Imicungire n'igenzura by'umutungo w'Ishyaka.	**Article 80: Management and control of the Party patrimony**	**Article 80: Gestion du patrimoine du Parti**
UMUTWE WA VI: GUTANGA IBIHANO	**CHAPITER VI: ADMINISTRATION OF SANCTIONS**	**CHAPITRE VI: ADMINISTRATION DES SANCTIONS**
Ingingo ya 81: Ibihano	**Article 81: Sanctions**	**Article 81: Sanctions**
Ingingo ya 82: Ihanwa ry'unyuranyije n'imyifatire	**Article 82: Sanctions against indisciplined Party member**	**Article 82: Des sanctions à l'encontre d'un membre indiscipliné**

Ingingo ya 83: Kwirukanwa mu Ishyaka	**Article 83: Exclusion from the Party**	**Article 83: Exclusion du Parti**
Ingingo ya 84: Uburenganzira bwo kwiregura n'ubwo kujurira	**Article 84: Right of defense and appeal**	**Article 84: Droit de défense et d'appel**
Ingingo ya 85: Gusaba imbabazi	**Article 85: Request for forgiveness**	**Article 85: Demande de pardon**
UMUTWE WA VII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 86: Guhindura Itegeko Shingiro	**Article 86: Amendment of Statutes**	**Article 86: Modification des Statuts**
Ingingo ya 87: Gusesa Ishyaka	**Article 87: Dissolution of the Party**	**Article 87: Dissolution du Parti**
Ingingo ya 88: Ikoreshwa ry'umutungo igihe Ishyaka risheshwe	**Article 88: Utilization of the patrimony after the dissolution of the Party**	**Article 88: Utilisation du patrimoine après la dissolution du Parti**
Ingingo ya 89: Iyubahirizwa ry'amabwiriza	**Articke 89: Weight of guidelines**	**Article 89: Respect des directives**
Ingingo ya 90: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri Tegeko	**Article 90: Drafting, consideration and adoption of these Statutes**	**Article 90: Initiation, examen et adoption de ces Statuts**
Ingingo ya 91: Igihe iri Tegeko Shingiro ritangira gukurikizwa	**Article 91: Commencement**	**Article 91: Entrée en vigueur**

ITEGEKO SHINGIRO (STATUTS) RY'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S.D.)

STATUTES OF THE SOCIAL DEMOCRATIC PARTY (P.S.D.)

STATUTS DU PARTI SOCIAL DEMOCRATE (P.S.D.)

IRANGASHINGIRO

Abagize Biro Politiki y'Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage (P.S.D.), bateraniye i Kigali, mu nama yo ku wa 29 Kamena 2014;

Bashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu;

Bashingiye ku itegeko Ngenga n° 10/2013/OL ryo ku wa 11/7/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki;

Bemeje ko ingingo zikurikira arizo zigize Itegeko Shingiro rigenga Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage "P.S.D." mu magambo ahinnye y'igifaransa, rikaba risimbuye iryemejwe na Biro Politiki mu nama yo ku wa 04/08/2013.

PREAMBLE

The members of the Political Bureau of the Social Democratic Party (P.S.D.) met in Kigali on 29 June 2014;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended and complemented to date;

Pursuant to Organic Law n° 10/2013/OL of 11 July 2013 governing Political Organizations and Politicians;

Resolve that the following provisions constitute the Statutes governing the Social Democratic Party (P.S.D.), abbreviated as P.S.D. in French, and replaces the Statutes approved by the Political Bureau in its meeting held on 04/08/2013.

PREAMBULE

Les membres du Bureau Politique du Parti Social Démocrate (P.S.D.), réunis à Kigali, le 29 juin 2014;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour;

Vu la Loi Organique n° 10/2013/OL du 11/7/2013 portant Organisation des Formations Politiques et des Politiciens;

Décident que les articles ci-après constituent les Statuts du Parti Social Démocrate "P.S.D." en sigle français, et remplacent les Statuts approuvés par le Bureau Politique en sa séance du 04/08/2013.

UMUTWE WA 1: INGINGO RUSANGE

Icyiciro cya mbere: Izina

Ingingo ya 1: Izina ry'Ishyaka

Hashyizweho Umutwe wa Politiki witwa **ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI**

CHAPTER 1: GENERAL PROVISIONS

Section one: Name

Article one: Name of the Party

It is hereby established a Political Organization called **SOCIAL DEMOCRATIC PARTY**,

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Section première: Dénomination

Article premier: Nom du Parti

Il est créé **une formation politique dénommée PARTI SOCIAL**

N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE, mu magambo ahinnye y'igifaransa « **P.S.D**. » (Parti Social Démocrate), mu ngingo zikurikira witwa **« ISHYAKA »**.

abbreviated as "**P.S.D**." in French, hereinafter referred to as the **« PARTY »**.

DEMOCRATE, « P.S.D. » en sigle, ci-après dénommé **« PARTI».**

Icyiciro cya 2: Ibiranga Ishyaka

Ingingo ya 2: Ibiranga Ishyaka

Ibiranga Ishyaka ni Intego, Ibendera n' Ikirango.

Section 2: Symbols of the Party

Article 2: Symbols of the Party

The symbols of the Party are: its Motto, Flag and Seal.

Section 2: Symboles du Parti

Article 2 : Symboles du Parti

Les symboles du Parti sont constitués de sa Devise, son Drapeau et son Sceau.

Ingingo ya 3: Intego y'Ishyaka

Intego y'Ishyaka ni: **Ubutabera, Ubwisungane n'Amajyambere**.

Article 3: Motto of the Party

The Motto of the Party is: **Justice, Solidarity and Development**.

Article 3: Devise du Parti

Le Devise du Parti est: **Justice, Solidarité et Progrès**.

Ingingo ya 4: Ibendera n'ibirigize

Ibendera ry'Ishyaka rigizwe n'amabara atatu ahagaritse ateye ku buryo bukurikira:

1. Ku rujishiro habanza ibara ry'ubururu risa n'ijuru;
2. Hagati hari ibara ry'umweru ryanditsemo inyuguti P. S. D. zandikishwa ibara ry'ubururu kandi ku mpande zombi z'ibendera;
3. Ibara ry'umweru rikurikirwa n'ibara ry'icyatsi kibisi.

Amabara y'ibendera asobanura ibi bikurikira:

- **Ubururu:** Gukorera mu mucyo;

Article 4: Flag and its components

The flag of the Party is comprised of three vertical colors with the following characteristics:

1. The sky blue color starts at the edge;
2. The white color follows in the middle bearing the letters P.S.D. printed in blue colors on both sides of the flag;
3. The white color is followed by the green color.

The meaning of the colors of the flag is as follows:

- **The blue color:** working in transparency;

Article 4: Drapeau et ses composantes

Le drapeau du Parti est constitué de trois couleurs disposées verticalement comme suit:

1. Au bord commence la couleur bleu ciel ;
2. Au milieu les lettres P.S.D. apparaissent dans la couleur blanche. Elles sont imprimées en couleur bleu et de deux cotés ;
3. La couleur blanche est suivie de la couleur verte.

Les couleurs du drapeau ont la signification suivante:

- **Bleu:** travailler dans la transparence;

- **Umweru:** Amahoro Abanyarwanda bagomba guhora baharanira iteka;
- **Icyatsi kibisi**: Icyizere cy'ubumwe bw'Abanyarwanda baharanira amajyambere.

- **The white color:** peace to which Rwandans should always aspire;
- **The green color**: hope for unity of all Rwandans striving for development.

- **Blanc:** la paix à laquelle le peuple rwandais doivent aspirer toujours;
- **Vert**: l'Espoir de l'Unité des Rwandais œuvrant pour le développement.

Ingingo ya 5: Ikirango cy'Ishyaka

Ikirango cy'Ishyaka ni **ihundo ry'ishaka ryeze ribumbatiwe mu kiganza**.
Ishaka risobanura uburumbuke buri mu maboko y'abenegihugu, intoki z'ikiganza zisobanura ubwisungane.

Article 5: Seal of the Party

The emblem of the Party is made up of a **ripe sorghum cob grasped in the hand**.
The sorghum symbolizes the prosperity held in the hands of citizens while the fingers of the hand stand for solidarity.

Article 5: Sceau du Parti

Le Sceau du Parti est constitué **d'un épi de sorgho mûr tenu dans la main**.
Le sorgho symbolise la prospérité renfermée dans les mains des citoyens rwandais tandis que les doigts de la main symbolisent la solidarité.

Icyiciro cya 3: Icyicaro n'imigambi by'Ishyaka

Section 3: Head Office and objectives of the Party

Section 3: Siège et objectifs du Parti

Ingingo ya 6: Icyicaro cy'Ishyaka

Icyicaro gikuru cy'Ishyaka mu rwego rw'Igihugu kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi muri Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'Urwego rw'Ishyaka Rukuru ku rwego rw'Igihugu.

Ishyaka rigira kandi ibyicaro mu Ntara, Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu.

Article 6: Head Office of the Party

The Head Office of the Party at national level is located in the City of Kigali. It may be transferred to any other part of the territory of the Republic of Rwanda, upon approval by the national supreme organ of the Party.

The Party shall also have offices in Provinces, in the City of Kigali and at the level of District, Sector, Cell and Village.

Article 6: Siège du Parti

Le siège national du Parti est établi dans la Ville de Kigali. Il peut être transféré à tout autre endroit sur le territoire de la République du Rwanda sur décision de l'organe suprême du Parti au niveau national.

Le Parti a également des bureaux établis au niveau des Provinces, de la Ville de Kigali, du District, du Secteur, de la Cellule et du Village.

Ingingo ya 7: Imigambi y'Ishyaka

Imigambi y'ibanze Ishyaka ryimirije imbere ni iyi ikurikira:

1. kubaka u Rwanda rushya rushingiye ku bwiyunge nyakuri bw'Abanyarwanda, no ku myifatire ya demokarasi, cyane cyane ukwishyira ukizana, uburinganire imbere y'amategeko, ubutabera kuri bose, ubwisungane, ubutandukane n'ubwuzuzanye bw'inzego nkuru z'ubutegetsi bwa Leta;
2. gushaka bihoraho ubutabera bugamije inyungu y'imbaga y'abaturage, hakoreshejwe cyane cyane isaranganya nyakuri ry'umusaruro;
3. gushyigikira ibikorwa byose bibyara imirimo, guteza imbere ibikorwa byo gufasha abatishoboye no kurengera inyungu z'abasigaye inyuma;
4. gushyiraho uburyo n'amategeko bigamije kurandura ivangura iryo ariryo ryose cyane cyane irishingiye ku bwoko, akarere, idini, igitsina n'imibereho bwite ya buri muntu;
5. guteza imbere, kurengera no kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu;

Article 7: Objectives of the Party

The prime objectives of the Party are as follows:

1. build a new Rwanda based on genuine unity among Rwandans, and on democratic practices, in particular freedom, equality before the law, justice for all, solidarity, separation of powers and interdependence of high State Governement institutions;
2. always look for justice respectful of the interests of the mass of the population, especially through the genuine distribution of the production;
3. support all job creation initiatives, promote the vulnerable-oriented projects and safeguard the interests of those who have been disadvantaged;
4. establish mechanisms and laws aiming at eradicating all types of discrimination, in particular the one based on ethnicity, region, religion, sex and individual's private life;
5. promote, protect and ensure the respect of human rights;

Article 7: Objectifs du Parti

Les objectifs fondamentaux du Parti sont les suivants :

1. construire un Rwanda nouveau fondé sur une véritable unité des rwandais et sur les pratiques démocratiques, surtout la liberté, l'égalité devant la loi, la justice pour tous, la solidarité, la séparation des pouvoirs et l'interdépendance des hautes institutions des Pouvoirs de l'Etat;
2. rechercher en permanence la justice visant les intérêts de l'ensemble de la population, surtout la distribution réelle de la production nationale;
3. appuyer toutes les activités créatrices d'emploi, promouvoir les projets en faveur des vulnérables et sauvegarder les intérêts de ceux qui ont été défavorisés;
4. mettre en place des mécanismes et des lois visant à éradiquer toute sorte de discrimination surtout ethnique, régionale. religieuse, sexuelle et celle basée sur la vie privée de chacun;
5. promouvoir, défendre et faire respecter les droits de la personne;

6. guteza imbere ukwibwiriza n'umurimo w'umuntu ku giti cye, no kwegereza abaturage ubutegetsi bufata ibyemezo, kugira ngo buri wese abe ishingiro ry'ibikorwa bimugenewe, kandi abone ishimwe ry'umurimo yakoze n'ibyiza by'amajyambere yagezweho;

7. guteza imbere ugukoresha ubushobozi bwa buri muntu hakoreshejwe cyane cyane ukwigisha imyuga, ku buryo rubanda rwose, cyane cyane urubyiruko rwakwigishwa ubumenyi buhuye n'igihe tugezemo mu by'ubuhanga n'ikoranabuhanga;

8. gutunganya ubutegetsi bwite bwa Leta, kugira ngo umusaruro ubyazwa imirimo ya Leta wiyongere;

9. gutunganya imicungire y'ibya rubanda hashingiwe cyane cyane ku kurwanya ruswa, isesagura, inyereza n'isahura ry'umutungo;

10. gukomeza umubano ugamije ubufatanye n'ibindi Bihugu biharanira Demokarasi, hubahirijwe ubusugire bwa buri Gihugu, kandi hagamijwe guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu;

6. promote the spirit of initiative and individual work, and decentralize decision-making power so that the mass of the population be the basis of the activities designed for them, and to gain from the work performed and reap the positive gains of development;

7. promote the use of individual skills, particularly through vocational training so that the entire population, especially the youth, may learn Science and Technology adapted to our time;

8. organize public administration to increase the efficiency of public services;

9. organize the management of national resources, particularly based on the fight against corruption, wasting, fight against embezzlements;

10. reinforce cooperation relations with other countries respectful of democracy, through respect of each Country's sovereignty, with a view to promoting the respect of human rights;

6. promouvoir l'esprit d'initiative et le travail individuel, et décentraliser les organes décisionnels afin que la grande masse populaire soit le socle des activités conçues pour elle et qu'elle tire profit du travail qu'elle a fait et des acquis positif de développement;

7. promouvoir et mettre en valeur des compétences individuelles, particulièrement à travers la formation professionnelle afin que toute la population surtout les jeunes, puisse apprendre les sciences et les technologies adaptées à notre temps ;

8. organiser l'administration centrale, en vue d'augmenter la rentabilité des services publics;

9. organiser la gestion du patrimoine national basée particulièrement sur la lutte contre la corruption, le gaspillage, et la lutte contre les détournements;

10. renforcer les relations de coopération avec d'autres Pays épris de démocratie en respectant la souveraineté de chaque Pays, et en vue de la promotion du respect des droits de la personne humaine;

11. gushimangira mu Banyarwanda urukundo rw'Igihugu cyabo, kugira ngo buri gihe rube arirwo rubahuza n'ubwo baba bafite ibitekerezo bya politiki binyuranye.

UMUTWE WA II: ABAYOBOKE B'ISHYAKA

Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'abayoboke

Ingingo ya 8: Ibyiciro by'abayoboke b'Ishyaka

Ishyaka rigizwe n'ibyiciro bibiri by'abayoboke:

1. abayoboke basanzwe ;
2. abayoboke b'icyubahiro.

Ingingo ya 9: Abayoboke basanzwe

Abayoboke basanzwe ni abashinze Ishyaka n'abaryinjiyemo nyuma.

Abayoboke bashinze Ishyaka ni abashyize umukono ku Itegeko Shingiro no ku mahame remezo yaryo mu gihe Ishyaka rishingwa tariki ya 1 Nyakanga 1991.

Abinjiye mu Ishyaka nyuma ni ababisaba bakabyemererwa, hakurikijwe ingingo ziteganijwe muri iri Tegeko Shingiro, n'ibiteganijwe n'Itegeko Ngengamikorere.

11. inculcate patriotism in Rwandans so that, at any time, patriotism becomes the common denominator even though they may have different political views and ideas.

CHAPTER II: MEMBERS OF THE PARTY

Section one: Categories of members

Article 8: Categories of members of the Party

The Party shall be comprised of two (2) categories of members:

1. ordinary members;
2. honorary members.

Article 9: Ordinary members

Ordinary members are those who founded the Party and those who joined it thereafter.

The members who founded the Party are those who signed its Statutes and basic principles when the Party was created on July 1st, 1991.

Those who joined the Party thereafter are those who apply to be members and whose applications are accepted, in accordance with the provisions of the Statutes and Internal Rules and Regulations of the Party.

11. inculquer aux Rwandais l'amour patriotique pour que, à chaque fois, l'amour de la patrie soit le dénominateur commun quand bien même ils auraient des idées politiques différentes.

CHAPITRE II: MEMBRES DU PARTI

Section première: Catégories des membres

Article 8: Catégories des membres du Parti

Le Parti comprend deux catégories de membres:

1. les membres ordinaires ;
2. les membres d'honneur.

Article 9: Membres ordinaires

Les membres ordinaires sont ceux qui ont fondé le Parti et ceux qui ont adhéré plus tard.
Les membres fondateurs sont ceux qui ont apposé leur signature sur les Statuts et les principes fondamentaux du Parti au moment de sa création le 1er juillet 1991.

Les membres adhérents sont ceux qui en font la demande et en obtienne l'adhésion, conformément aux dispositions des Présents Statuts et du Règlement d'Ordre Intérieur du Parti.

Ingingo ya 10: Abayoboke b'icyubahiro

Abayoboke b'icyubahiro ni abantu batari abayoboke basanzwe b'Ishyaka, ariko bemera amahame y'Ishyaka kandi baritera inkunga igaragara.

Bemezwa na Komite Nyobozi. Bashobora gutumirwa mu nama z'Ishyaka, bakagira gusa ijwi ngishwanama.

Article 10: Honorary members

Honorary members are those who are not ordinary members, but who adhere to the principles of the Party and who provide it with considerable support.

The title of Honorary Member is bestowed by the Executive Commitee. They may be invited to the meetings of the Party, but they shall only have a consultative vote.

Article 10: Membres d'honneur

Les membres d'honneur sont les personnes qui ne sont pas membres ordinaires du Parti, mais qui adhèrent à ses principes fondamentaux et ses objectifs et lui apportent un appui considérable.
Ils sont agréés par le Comité Exécutif. Ils peuvent être invités aux réunions du Parti, mais n'ont qu'une voix consultative.

Icyiciro cya 2: Kwemererwa kuba umuyoboke, gusezera no kugaruka mu Ishyaka

Section 2: Conditions for membership, resignation and reinstatement in the Party

Section 2: Admission, démission, et réhabilitation d'un membre au sein du Parti

Ingingo ya 11: Kwemererwa kuba umuyoboke usanzwe

Usaba kuba umuyoboke usanzwe, agomba kuzuza ibi bikurikira:

1. kuba afite ubwenegihugu bw'u Rwanda;
2. kuba agejeje ku myaka iteganyijwe n'amategeko kugira ngo Umunyarwanda ashobore gutora;
3. kuba afite uburenganzira bwe bwose buteganywa n'amategeko mbonezamubano, n'uburenganzira mu bya politiki;
4. kwemera amahame remezo n'imigambi by'Ishyaka;
5. kwiyemeza gukurikiza Itegeko Shingiro

Article 11: Membership in the capacity of ordinary member

The following conditions are required for whoever wishes to be an ordinary member:

1. be a Rwandan;
2. have the legal age required for a Rwandan national to vote;
3. still be enjoying one's civil and political rights;
4. adhere to the Party's fundamental principles and objectives;
5. undertake to abide by the Party's

Article 11: Admission en qualité de membre ordinaire

Pour avoir la qualité de membre ordinaire tout requérant doit réunir les conditions suivantes :

1. être de nationalité rwandaise;
2. avoir la majorité électorale légale requise au Rwanda;
3. jouir de tous les droits civils et politiques;
4. adhérer aux principes fondamentaux et aux objectifs du Parti;
5. s'engager à respecter les Statuts et

n'amabwiriza y'inzego z'Ishyaka;

6. kuba nta wundi mutwe wa politiki arimo;

7. kuba indakemwa mu mico no mu myifatire.

Ingingo ya 12: Gusezera mu Ishyaka

Umuyoboke usanzwe ashobora gusezera mu Ishyaka ku mpamvu ze bwite kandi akabikora mu nyandiko.

Ingingo ya 13: Kugaruka mu Ishyaka k'umuyoboke wasezeye

Iyo umuyoboke usanzwe yasezeye ku mpamvu ze bwite akifuza kugaruka mu Ishyaka, yandika abisaba. Uko bikorwa n'ibisabwa kugira ngo yemererwe kugaruka mu Ishyaka biteganywa n'Itegeko Ngengamikorere.

Icyiciro cya 3: Inshingano n'uburenganzira by'abayoboke

Ingingo ya 14: Inshingano z'abayoboke

Abayoboke bose bafite inshingano zikurikira:

1. kubahiriza buri gihe cyose n'aho bari hose ibitekerezo by'ingenzi bya

Statutes and guidelines of the organs of the Party;

6. not to be a member of another Political Organization;

7. be of good conduct and morals.

Article 12: Resignation from the Party

An ordinary member may resign from the Party for personal motives and do that in writing.

Article 13: Reintegration in the Party

Where an ordinary member who has resigned for personal motives wishes to recover membership to the Party, he or she shall request for reintegration in writing. Reintegration modalities shall be specified in the Internal Rules and Regulations of the Party.

Section 3: Members' obligations and rights

Article 14: Members' obligations

All the members shall have the following obligations:

1. always and anywhere respect the guiding principles of democracy and

les instructions des organes dirigeants du Parti;

6. n'appartenir à aucune autre Formation Politique;

7. avoir la qualité de bonne conduite, vie et moeurs.

Article 12: Démission du Parti

Un membre ordinaire du Parti peut démissionner pour des raisons de convenance personnelles et le faire par écrit.

Article 13: Réhabilitation au sein du Parti

Lorsqu'un membre ordinaire qui a démissionné du Parti pour des raisons personnelles désire réintégrer le Parti, il en fait la demande par écrit. Les modalités de demande de réintégration et les conditions requises sont prévues dans le Règlement d'Ordre Intérieur du Parti.

Section 3: Obligations et Droits des membres

Article 14: Obligations des membres

Tous les membres ont les obligations suivantes:

1. respecter en tout temps et en tout lieu les idées fondamentales de

Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage, cyane cyane ubutabera kuri bose, ubwisungane, kurengera no kugoboka abatishoboye;

2. kwamamaza intego z'Ishyaka no kurengera inyungu zaryo;

3. kwitabira inama z'Ishyaka no gutora inzego zaryo;
4. gukurikiza politiki rusange y'Ishyaka, kubahiriza amabwiriza n'ibyemezo by'inzego zaryo;

5. gutanga umusanzu wemejwe n'inzego z'Ishyaka zibifitiye ububasha. Uburyo umusanzu ushyirwaho n'uko wakirwa biteganijwe n'Itegeko Ngengamikorere;

6. kugira imyifatire myiza mu buzima bwite no mu kazi.

Ingingo ya 15: Uburenganzira bw'abayoboke.

Abayoboke basanzwe bafite uburenganzira bureshya cyane cyane kuri ibi bikurikira:

1. guhitamo aho bakorera ibikorwa by'Ishyaka no kubimenyesha inzego zibakuriye;

2. kuvuga nta nkomyi icyo batekereza ku

well-being of the population, especially justice for all, solidarity, protection and assistance to vulnerable people;

2. disseminate the objectives and defend the interests of the Party;

3. attend the meetings of the Party and elect its organs;
4. respect the general policy of the Party, abide by the guidelines and decisions made by its organs;

5. pay contributions as approved by competent organs of the Party. The Internal Rules and Regulations provide for modalities for fixation and payment of contribution;

6. display good behavior in private life and at work.

Article 15: Members' rights

Ordinary members shall have the same rights, especially with regard to the following:

1. choose a place where to carry out the activities of the Party and notify their choice to their supervising organs;

2. freely express their opinion about all

démocratie et de bien être social, surtout la justice pour tous, la solidarité, la protection l'assistance des personnes vulnérables ;

2. propager les objectifs du Parti et défendre ses intérêts;

3. assister aux réunions du Parti et à l'élection de ses organes;
4. se conformer à la politique générale du Parti, respecter les instructions et les décisions de ces organes;

5. payer les contributions décidées par les organes habilités du Parti. Les modalités de fixation et de perception des contributions sont prévues dans le Règlement d'Ordre Intérieur;
6. avoir un bonne conduite tant dans la vie privée que dans la vie professionnelle.

Article 15: Droits des membres.

Les membres ordinaires jouissent les mêmes droits surtout en ce qui concerne ce qui suit:

1. le choix du lieu où ils exercent les activités du Parti et d'en informer les organes hiérarchiques du Parti;

2. donner librement leurs opinions sur

bibazo byose by'Ishyaka, mu nzego z'Ishyaka barimo, bityo bagatanga umusanzu wabo mu kwemeza politiki y'Ishyaka n'imikorere yaryo;

3. gutora mu nzego z'Ishyaka barimo;

4. kwiyamamariza imyanya iyo ariyo yose iteganijwe mu buyobozi bw'inzego z'Ishyaka;

5. kwamamazwa n'Ishyaka mu myanya y'Ubutegetsi bw'Igihugu no guterwa inkunga n'Ishyaka igihe ariryo ryabamamaje;

6. kumenyeshwa ku mugaragaro n'urwego barimo icyo rubakemanga cyangwa rubagaya;

7. kwisobanura imbere y'urwego rubigenewe mu gihe ruteganya kubahana;

8. kujuririra inzego zisumbuye z'Ishyaka mu gihe babona ko ibihano bahawe birimo akarengane.

the issues of the Party, within their respective organs, and thus contribute to the adoption of the politics of the Party and of its functioning;

3. elect within their respective organs;

4. be candidates to any electoral post provided for in the administration of the organs of the Party;

5. be proposed by the Party as candidates to various positions in the administration of the Country and enjoy support from the Party where it presented their candidacy;

6. be officially informed by their respective organs about their behavior and acts deemed suspect or not appreciated by the organs;

7. plead their case before the competent organ where it contemplates inflicting sanctions against them;

8. lodge an appeal with superior organs of the Party where they feel that the sanctions administered to them are unfair.

toutes les problèmes de Parti, dans les organes du Parti auxquels ils font partie, et participer ainsi à la formulation et à l'adoption de la politique du Parti et à son fonctionnement;

3. élire au sein des organes du Parti auxquels ils appartiennent;

4. donner leur candidature à n'importe quel poste prévu au sein de la direction du Parti;

5. être proposé par le Parti pour occuper des postes au sein de l'administration du Pays et être appuyé par le Parti si celui-ci a proposé leur candidature;

6. être officiellement informés par l'organe dont ils sont membres de tout comportement que ledit organe juge douteux ou répréhensible;

7. se justifier devant l'organe compétent lorsque celui-ci envisage de prendre des sanctions contre eux ;

8. faire appel aux organes hiérarchiques du Parti lorsqu'ils estiment injustes les sanctions prises à leur encontre.

UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BY'ISHYAKA

Icyiciro cya mbere: Imiterere y'Ishyaka

Akiciro ka mbere: Ifasi Ishyaka rikoreramo

Ingingo ya 16: Ifasi y'Ishyaka

Ifasi y'Ishyaka iteye ku buryo bukurikira:

1. Ifasi y'Igihugu cyose;
2. Ifasi y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali;
3. Ifasi y'Akarere;
4. Ifasi y 'Umurenge;
5. Ifasi y'Akagari;
6. Ifasi y'Umudugudu.

Akiciro ka 2 : Imiterere y'inzego z'Ishyaka

Ingingo ya 17: Inzego z'Ishyaka zikorera ku rwego rw'Igihugu

Inzego z'Ishyaka ku rwego rw'Igihugu ni izi zikurikira:

1. Kongere y'Igihugu;
2. Biro Politiki;
3. Komite Nyobozi;
4. Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'abayoboke;
5. Inama Ngishwanama.

CHAPTER III: STUCTURE AND FUNCTIONING OF THE PARTY

Section one: Structure of the Party

Sub-section one: Jurisdiction of the Party

Article 16: Jurisdiction of the Party

The Jurisdiction of the Party is as follows:

1. The National level;
2. The Province and the City of Kigali;
3. The District;
4. The Sector level;
5. The Cell level ;
6. The Village level.

Sub-section 2: Structure of organs of the Party

Article 17: Organs of the Party at National level

The organs of the Party at national level are the following:

